ISO 9001:2015 CERTIFIED

Kigali, kuwa 20 Nzeri 2020

Imvura iteganyijwe hagati y'italiki ya 21 na 30 Nzeri 2020

Mu gice cya Gatatu cy'ukwezi kwa Nzeri (hagati y'italiki ya 21 n'iya 30) mu Rwanda hateganyijwe imvura iruta iyabonetse mu bice bibiri bishize bya Nzeri 2020 ikazaba iri hagati ya milimetero 20 na 100mm. Imvura iri hagati ya milimetero 20 na 60 iteganyijwe mu Ntara y'Iburasirazuba no mu Mujyi wa Kigali ikaziyongera uva mu burasirazuba ugana mu burengerazuba bw'Intara y'Iburasirazuba. Mu Ntara y'Amajyepfo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 70 ariko amajyaruguru y'Akarere ka Muhanga izagera kuri milimetero 80 mugihe mu ishyamba rya Nyungwe n'inkengero zaryo zihereye mu Ntara y'Amajyepfo hateganyijwe ko izagera Kuri milimetero 100. Mu Ntara y'Iburengerazuba n'iy' Amajyaruguru hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 70 na 100, uretse amajyepfo y'uturere twa Rulindo na Gicumbi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 70.

Imvura iteganyijwe kugwa ku mataliki ya 21, 22 no kuva taliki ya 25 kugeza mu mpera z'ukwezi bitewe n'ahantu kandi ikagwa byibura iminsi ine mu minsi icumi y'iri teganyagihe ndetse ahenshi ikazaba ari imvura itangiza igihembwe cy'Umuhindo 2020. Imvura iteganyijwe izaturuka ku isangano ry'imiyaga rihereye muri Afurika y'Iburasirazuba kandi ikazaba iri hejuru y'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa muri iyi minsi icumi y'ukwezi kwa Nzeri.



P.O Box 898 KIGALI | E-mail :info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda